Akarere ka Karongi ni kamwe mu turere tw’ubukerarugendo bushingiye ku kiyaga cya Kivu, gikikijwe na Hoteli 15 ndetse n’imiterere yako kuko kagizwe n’ibice by’imisozi izwi nk’Isunzu rya Kongo-Nil, muri iyo misozi hakaba harangwa n’ubukonje butuma igihingwa cy’icyayi kihaturuka kigira umwimerere mu buryohe, dore ko icyayi cya Gisovu kijya kiza ari icya mbere ku Isi  mu buryohe. Ibi bice byera kandi ibindi bihingwa birimo ibigori, amashaza, ibirayi, ingano n’ibindi. Hari kandi n’ibice byegereye ikiyaga cya Kivu, bizwiho kuba bitanga umusaruro mwinshi kandi mwiza wa kawa, ibigori, imyumbati, ibijumba, ibishyimbo, imboga, imbuto, n’ibindi.

Imiterere ya Gisovu n'ubunyamwuga bukoreshwa mu gutunganya icyayi cyaho bituma kiba indashyikirwa mu buryohe

Muri rusange ibice byose by’Akarere ka Karongi biberanye n’ubukerarugendo bitewe n’imiterere kamere yabyo, amateka cyangwa n’akamaro hafite mu bukungu bw’igihugu. Aha twavuga: Isoko ya Nil, inkengero z’ikiyaga cya Kivu, Gaz Methan, Ibigabiro bya Rwabugiri, Pariki ya Nyungwe, Icyayi cya Gisovu, Urwibutso rwa Jenoside Yakorewe Abatutsi rwa Bisesero, Ishyamba kimeza rya Muciro, Urutare rwa Ndaba, Igiti cy’Imana y’Abagore, udusozi tuvugwaho amateka yahariye n’ibindi.

**Ikiyaga cya Kivu usibye no  kuba ari ucyiza nyaburanga ni n'amahirwe y'ishoramari i Karongi**

Akarere ka Karongi gafite ubwiza bunashingiye ku bikorwa remezo aho usanga ari ihuriro ry’abagenzi bitewe n’umuhanda uzwi ku izina rya Kivu  Belt uhahurira n’undi uva Kigali Muhanga, bituma Karongi igaragaza ubwiza ntagereranywa.

**Ubukerarugendo i Karongi**

Muri rusange, iyo bavuze Akarere ka Karongi, abantu benshi bumva: ubukerarugendo ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu ndetse n'ahantu ho kuruhukira. N'ubwo iyi myumvire ari ukuri ariko ntibumbatiye igitekerezo nyakuri cy'icyo ubwiza bw'Akarere gasobanuye. Iyi ni yo mpamvu muri ino nyandiko tugaragaza icyo ubwiza bwa Karongi buteye.

Karongi ni Akarere gafite imiterere itangaje, aho ibisigaratongo ndangamateka, ibidukikije bidakunze kuboneka ahandi, Ikiyaga, imisozi ndetse n'ibihingwa byuje ubwiza bwisangije icyicaro ku ruhando mpuzamahanga, amahoteli, umuco wa gitwari n'inzu ndangamurage y'ibidukikije ni bimwe mu rusobe mpuruzabagenzi.

Ni hake wasanga Akarere gakomatanyije imiterere ireshya amaso y'inkengero z'Ikiyaga cya Kivu kakaba n'irembo rya bugufi ryinjira muri Pariki y'Igihugu izwi nka Nyungwe aho inzira igana iyi parike nayo usanga ari urukererezabagenzi bitewe n'utundi duce nyaburanga turi muri iyo nzira.

Bimwe mu bikurura mukerarugendo ni

**Rwabisuka**

Rwabisuka ni urutare ruherereye mu Murenge wa Rugabano, rukaba ruherereye hari n'umuhanda uva mu Karere ka Muhanga ugana i Karongi. Uru rutare rukaba ari ibuye rimwe rishashe rikagera ahazwi noho ku Rutare rwa Ndaba. Uretse kuba ari rurerurere aho rugera ku bureburere buugera kuri 200m, runafite akandi karusho kuko uruhagazeho areba amataba meza ya Rubengera, Ubuhinzi bwuhirwa bwa Gitwa, imisozi y'Isunzu rya Kongo Nili, Umusozi wa Gisunzu, imisozi ya Sakinnyaga, Pariki ya Mukura ndetse n'Ikiyaga cya Kivu.

**Urutare rwa Ndaba**

Urutare rwa Ndaba ruhererye mu Murenge wa Rubengera, rukaba ruri ku muhanda Uva mu karere ka Muhanga. Uretse isumo irunyuraho, ni urutare rubumbatiye amateka ya kera rukaba n'irembo rya Karongi, Akarere k'ubukerarugendo butaboneka henshi.

**Ibigabiro bya Rwabugiri**

**Ikiyaga cya Kivu ibirya n'Inkengero zacyo**

Ikiyaga cya Kivu, uturwa, inkombe zacyo, ibimera bigikikije,urusobe rw'ibinyabuzima umwuka uhehereye ugiturukamo, kugitemberamo hifashishijwe ubwato,... ni bimwe mu bikurura ba mukerarugendo.

**Icyayi cya Gisovu**

Icyayi cya Gisovu gihinze mu nkengero z'Ishyamba rya Nyungwe. Kikaba kiri mu misozi ifite ubwiza butangaje. Iki cyayi kizwiho kwiharira uburyohe aho kiza kw'isonga mu ruhando mpuzamahanga. Kikaba nacyo gikurura ba mukerarugendo dore ko kiri ahatarenze 1km uvuye ku isoko ya Nile ya kure kurushaizindi, nayo isurwa nabenshi bazi Nili nk'Uruzi rukora urugendo rurerure kureza izindi, aho ruturuka mu misozi ya Karongi.

**Isoko ya Nile**

Uruzi rusumbya izindi uburebure bw'urugendo, rukaba rubumbatiye amateka mensi arimo n'aya Gikirisitu, ubuzima bw'ibihugu nka Misiri ubundi igizwe n'ubutayu bushingiye kuri uru ruzi, Nile ivuka mu Murenge wa Twumba, ahagaragaye isoko ya kure kuruta izindi.

**Wisumo**

Wisumo ni mu Ishyamba rya Nyungwe aho ugera ukakirwa n'ubwoko butandukanye bw'inguge.